Rwanda Education Board

**RWANDA EDUCATION BOARD**
P.O Box 3817 KIGALI
*Telephone: (+250) 255121482/3020*
*E-mail: info@reb.rw*
*Website: www.reb.rw*

## ITANGAZO RIGENEWE ABARIMU BASHAKA GUKOMEZA KWIGA

Mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ubushobozi bwa mwarimu, no kubakundisha uwo murimo w'indashyikirwa, Ministeri y'Uburezi n'Ikigo Gishinzwe Guteza Imbere Uburezi mu Rwanda (REB) biramenyesha abarimu bose bize uburezi bo ku rwego rwa A2 na A1 kandi bakaba bigisha mu mashuri ya Leta cyangwa afashwa na Leta ko hari gahunda bashyiriweho yo guhabwa buruse (scholarships) bityo bakabona amahirwe yo kwiga no kubona impamyabushobozi zisumbuyeho zo ku rwego rwa A1 cyangwa A0.

Abarimu basaba buruse bagomba kuba bujuje ibi bikurikira:

- Kuba ari umunyarwanda
- Kuba afite imyaka iri munsi ya 35
- Kuba afite A2 cyangwa A1 mu mashuri nderabarezi (Normale primaire, TTC, College z'Uburezi) kandi yararangije afite amanota amwemerera gukomeza kwiga amashuri makuru na kaminuza atari munsi ya 70%
- Kuba nyuma y'igihe cy'igeragezwa, afite nibura uburambe mu kazi butari munsi y'imyaka itatu (3)
- Kuba ari inyangamugayo
- Kuba atarakatirwa burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6)
- Kuba atarigeze ahagarikwa mu kazi mu gihe kingana n'amezi atatu (3)

Abarimu bumva bujuje ibisabwa kandi bashaka buruse barasabwa kohereza ubusabe bwabo mu Turere bakoreramo babinyujije kuri emails ziboneka ku rubuga (website) rwa buri Karere guhera ku wa 25 Mutarama 2021 kugeza ku wa 5 Gashyantare.

**Icyitonderwa:**

- Buri mwarimu azohereza ubusabe bwe mu Karere Akoreramo, uzasabira mu Karere adakoreramo, ubusabe bwe ntabwo buzahabwa agaciro,
- Buri mwarimu arasabwa kubahiriza igihe cyatanzwe. Uzarenza igihe cyatanzwe ubusabe bwe ntibuzahabwa agaciro,
- Uwakenera ibindi bisobanuro yahamagara Umuyobozi w'Uburezi mu Karere akoreramo.

Mugire amahoro

Bikorewe I Kigali ku wa 24 Mutarama 2021

**Dr. SEBAGANWA Alphonse**
Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

## Umugereka: Emails z'u Turere

1. **Akarere ka Nyagatare:** info@nyagatare.gov.rw
2. **Akarere ka Gasabo:** hr.gasabo@gasabo.gov.rw
3. **Akarere ka Ruhango:** inforuhango@ruhango.gov.rw
4. **Akarere ka Rulindo:** teacherscholarship@rulindo.gov.rw
5. **Akarere ka Kayonza:** teacherscholerships@kayonza.gov.rw
6. **Akarere ka Nyamasheke:** nyamashekedistrict@nyamasheke.gov.rw
7. **Akarere ka Rutsiro:** recruitment@rutsiro.gov.rw
8. **Akarere ka Nyamagabe:** info@nyamagabe.gov.rw
9. **Akarere ka Musanze;** musanzedistrict@musanze.gov.rw
10. **Akarere ka Gisagara:** info@gisagara.gov.rw
11. **Akarere ka Ngororero:** ngororerodistrict@ngororero.gov.rw
12. **Akarere ka Kirehe:** kirehedistrict@kirehe.gov.rw
13. **Akarere ka Nyaruguru:** education@nyaruguru.gov.rw
14. **Akarere ka Nyarugenge:** info@nyarugenge.gov.rw
15. **Akarere ka Rubavu:** rubavudistrict@rubavu.gov.rw
16. **Akarere ka Kicukiro:** recruitment@kicukiro.gov.rw
17. **Akarere ka Burera:** bureradistrict@burera.gov.rw
18. **Akarere ka Huye:** huyedistrict@huye.gov.rw
19. **Akarere ka Kamonyi:** info@kamonyi.gov.rw
20. **Akarere ka Bugesera:** teacherscholarships@bugesera.gov.rw
21. **Akarere ka Nyabihu:** nyabihuteacherscholership@gmail.com
22. **Akarere ka Gicumbi:** gicumbidistrict@gicumbi.gov.rw
23. **Akarere ka Ngoma:** infongoma@ngoma.gov.rw
24. **Akarere ka Nyanza:** nyanzadistrict@nyanza.gov.rw
25. **Akarere ka Rusizi:** rusizidistrict2006@gmail.com
26. **Akarere ka Rwamagana:** info@rwamagana.gov.rw
27. **Akarere ka Gakenke:** info@gakenke.gov.rw
28. **Akarere ka Karongi:** karongidistrict@karongi.gov.rw
29. **Akarere ka Gatsibo:** teacherscholarship@gatsibo.gov.rw
30. **Akarere ka Muhanga:** muhangadistrict@muhanga.gov.rw

RWANDA EDUCATION BOARD